Note

## INYANDIKOY'AKAZI

Bwana Muyobozi wa Diviziyo
« Infrastructure et Equipement »

Byerekeye:
Umutekano muri Stade

Bwana Muyobozi,

Muzi ko imicungire ya Stade yari imaze igihe ari ikibazo gikomeye hano muri Minisiteri kubera kubura abakozi babishoboye. Prefecture y'Umujyi wa Kigali imaze gutanga abaporisi muri za Servisi zose za Leta zibashaka tukazajya turiha muri Prefecture amafaranga angana na 20.000 Frw ku mupolisi ku kwezi akarara, cyangwa akirirwa gusa.

Baduhaye abaporisi batandatu birirwa na batandatu barara. Ubwo nukuvuga tuzajya turiha 20.000 Fr x 12 = 240.000 Frw ku kwezi. Abo bazarinda kuri Stade nini n'intoya. Nkaba mbasabye rero ko ayo mafaranga tutayarihira ubusa. Niyo mpamvu musabwe kutugirira « Projet » y'uko abo bazakora abantu ntihakomeze kuba urujya n'uruza muri Stade ari ku manywa cyangwa nijoro.

Imiryango itari ngombwa igafungwa, cyane cyane kwinjira muri Stade bikagenzurwa ari abagenda n'amaguru ari abagenda n'imodoka. Mugategura amabwirizwa, icyo buri wese ashinzwe n'aho ashinzwe. Bikamenyeshwa abakozi bose cyane cyane abapolisi.

Ikibuga cy'umupira kiri inyuma ya Stade kigomba kurindwa by'umwihariko, ntihabeho abacyonona bacyigiraho imodoka n'amapikipiki.

Aya mabwirizwa arihutirwa cyane ku buryo mureka iyindi mirimo mukabanza gutegura iyi nyandiko tuzashyikiriza abayobozi mbere yo kuwa kane tariki ya 16/04/1998.

Ndabasabye mubyiteho cyane.

**RWIGEMA Paterne**

RWIGEMA Paterne
Directeur des Sports
MIJESCAFOP

**Bimenyeshejwe:**
- Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no kwigisha imyuga iciriritse. KIGALI
- Umunyamabanga mukuru muri MIJESCAFOP